REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUZIMA

Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 — 21 Werurwe 2020

Uyu munsi nta murwayi mushya wa Koronavirusi wagaragaye mu bipimo byafashwe. Ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda uguma kuri cumi na barindwi (17).

Abarwayi bose baravurirwa ahantu habugenewe. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo nabo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

Abantu bose bageze mu Rwanda mu byumweru bibiri (2) bishize barasabwa kwishyira mu kato mu gihe cy'iminsi 14 guhera igihe bagereye mu Rwanda, hakurikizwa amabwiriza ya Minisiteri y'Ubuzima.

Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kwitwararika. Nkuko byatangajwe n'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe, guhera kuri uyu wa gatandatu tariki ya 21 Werurwe 2020 i saa tanu na mirongo itanu n'icyenda (23h59) **imipaka irafunze** (keretse ku Banyarwanda bataha n'abatuye mu Rwanda byemewe n'amategeko kandi nabo bakaba bazashyirwa mu kato mu gihe cy'iminsi 14 ahantu hateganijwe), **ubucuruzi bw'ibikorwa bitari iby'ibanze bwahagaritswe, ingendo zihuza imijyi n'uturere zahagaritswe** ndetse **n'ingendo zitari ngombwa no kuva mu ngo nta mpamvu zihutirwa birabujijwe**. Ibi bikaba bitareba serivisi z'ingenzi ndetse n'abazitanga.

Amashuri n'insengero birakomeza gufunga kugeza igihe andi mabwiriza azatangwa.

Murasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza y'inzego z'ubuzima hitabwaho cyane cyane gukaraba intoki kenshi kandi neza hanubahirizwa intera ya metero imwe (1) hagati y'abantu.

Ibimenyetso by'ingenzi bya Koronavirusi ni inkorora, guhumeka bigoranye n'umuriro. Umuntu wese ugaragaza ibi bimenyetso asabwe kwihutira guhamagara umurongo utishyurwa **114**, cyangwa akipimisha akoresheje telefone akanda ***114#** maze agakurikiza amabwiriza, cyangwa akoreheza email kuri callcenter@rbc.gov.rw, cyangwa akohereza ubutumwa bwa WhatsApp kuri **+250 788 20 20 80**, cyangwa akitabaza umujyanama w'ubuzima umwegereye.

MINISITERI Y'UBUZIMA

www.moh.gov.rw